



**IKIGO GISHINZWE
GUKORESHA IBIZAMINI
BYO GUTWARA IBINYABIZIGA
HIFASHISHIJE IKORANABUHANGA**

2023



INTANGIRIRO

Ikigo gishinzwe gukoresha ibizamini byo gutwara ibinyabiziga hifashishijwe ikoranabuhanga, giherereye mu mujyi wa Kigali, Akarere ka Kicukiro, Umurenge wa Kanombe, Akagari ka Busanza

Iki kigo kigizwe n'inyubako, ibibuga bikorerwamo ibizamini ndetse n'ikoranabuhanga ryifashishwa mu gukoresha ibizamini byo byo gutwara ibinyabiziga.

Kigamije kuzamura no kunoza imitangire ya serivisi ku ku bantu bose bakigana, basaba impushya zo gutwara ibinyabiziga.

IBIKUBIYE MURI IKI GITABO

- 4 | ISHUSHO Y'IKIGO MURI RUSANGE
- 5 | IKIZAMINI CY'URUHUSHYA
RW'AGATEGANYO RWO GUTWARA
IBINYABIZIGA
- 7 | IKIZAMINI CYO GUTWARA IPIKIPIKI
- 14 | IKIZAMINI CYO GUTWARA IMODOKA
GIKORERWA MU KIBUGA
- 29 | IKIZAMINI CYO GUTWARA IMODOKA
GIKORERWA MU MUHANDA

ISHUSHO Y'IKIGO MURI RUSANGE


Ikigo kigizwe n' ibice bibiri by'ingenzi:

I. Inyubako

- Ahatangirwa serivisi zirebana n' impushya zo gutwara ibinyabiziga
- Ahakurikiranirwa uko ibizamini bikorwa
- Amacumbi y'abakozi

II. Ibibuga bikorerwaho ibizamini

- Ahagenewe abakora ikizamini cyo gutwara imodoka ntoya
- Ahagenewe abakora ikizamini cyo gutwara imodoka nini
- Ahagenewe abakora ikizamini cyo gutwara ipikipiki



**IKIZAMINI CY'URUHUSHYA
RW'AGATEGANYO RWO
GUTWARA IBINYABIZIGA**

UKO IKIZAMINI CY'URUHUSHYA RW'AGATEGANYO GIKORWA

Ikizamini cy' uruhushya rw'agateganyo kigizwe n'ibibazo makumyabiri (20), bisubizwa mu gihe cy' iminota makumyabiri (20). Amanota yo gutsindiraho ni uguhera kuri 80 kugeza ku 100.

Kwiyandikisha gukora ikizamini

Ukora ikizamini aba yariyandikishije ku rubuga rw'Irembo asaba gukorera ikizamini muri iki kigo. Akigera aho binjirira, habanza kugenzurwa ko ari kuri gahunda yo gukora ikizamini kuri iyo taliki n'iyi saha.

Iyo basanze ari kuri gahunda yo gukora ikizamini uwo muni, ayoborwa aho agomba kwiyandikishiriza ko yageze ahakorerwa ikizamini.

Ukora ikizamini iyo ageze aho biyandikishiriza, yicara ahabugenewe akahategerereza areba ku nsakazamashusho (Televiziyo) ziba ziri aho imbere, zerekana amazina y'abategereje gukora ikizamini. Imbere ye kandi, haba hari ameza afite nimeru. Iyo izina rye rigezweho rihindura ibara ryari ryanditsemo hakiyongeraho nimeru y' ameza (Desk) y'aho ajya kwiyandikishiriza.

Kubonana na muganga

Ukora ikizamini iyo amaze kwiyandikisha, ajya kubonana na muganga akamusuzuma cyangwa akemeza impapuro ukora ikizamini yahawe na muganga wa leta ubifitiye ububasha. Iyo muganga asanze ntacyamubuza gutwara ikinyabiziga, ayoborwa aho ajya gutegerereza ikizamini cy' uruhushya rw'agateganyo, kugirango atangire ikizamini gikorera kuri mudasobwa. Iyo muganga asanze hari impamvu ituma adakora ikizamini, agirwa inama yo kubanza kwivuzwa.

Gukora ikizamini

Ukora ikizamini iyo ageze ahagenewe gutegerereza kugirango atangire ikizamini cy' uruhushya rw'agateganyo, areba ku nsakazamashusho (Televiziyo) iri imbere ye, yerekana amazina y'abagiye gukora ikizamini n'uko baje bakurikirana.

Ukora ikizamini, iyo izina rye rigezweho, ayoborwa n'umupolisi akerekwa aho agomba gutera igikumwe, kugirango ahabwe mudasobwa ari bukorereho ikizamini.

Ukora ikizamini iyo arangije gusubiza ibibazo yahawe, mudasobwa imwerekwa amanota yabonye.

**IKIZAMINI CYO GUTWARA
IPIKIPIKI**

UKO IKIZAMINI CYO GUTWARA IPIKIPIKI GIKORWA

Ikizamini cyo gutwara ipikipiki, ugikora atangira afite amanota 100 agaragara ku gakoresho (display device) kari ku ipikipiki, gashinzwe kugaragaza ayo manota. Ayo manota agenda agabanuka bitewe n'amakosa agenda akora. Iyo ageze muni y'amanota 80 uba utsinzwe. Amanota yo gutsindiraho ni uguhera kuri 80 kugeza ku 100

Kwiyandikisha gukora ikizamini

Ukora ikizamini aba yariyandikishije ku rubuga rw'Irembo asaba gukorera ikizamini muri iki kigo. Akigera aho binjirira, habanza kugenzurwa ko ari kuri gahunda yo gukora ikizamini kuri iyo taliki n'iyi saha.

Iyo basanze ari kuri gahunda yo gukora ikizamini uwo muni, ayoborwa aho agomba kwiyandikishiriza ko yageze ahakorerwa ikizamini.

Ukora ikizamini iyo ageze aho biyandikishiriza, yicara ahabugenewe akahategereza areba ku nsakazamashusho (Televiziyo) ziba ziri aho imbere, zerekana amazina y'abategereje gukora ikizamini. Imbere ye kandi, haba hari ameza afite nimeru. Iyo izina rye rigezweho rihindura ibara ryari ryanditse hakiyongeraho nimeru y'ameza (Desk) y'aho ajya kwiyandikishiriza.

Kubonana na muganga

Ukora ikizamini iyo amaze kwiyandikisha, ajya kubonana na muganga akamusuzuma cyangwa akemeza impapuro ukora ikizamini yahawe na muganga wa leta ubifitiye ububasha. Iyo muganga asanze ntacyamubuza gutwara ikinyabiziga, ayoborwa aho ajya gutegerereza ikizamini cyo gutwara moto. Iyo muganga asanze hari impamvu ituma adakora ikizamini, agirwa inama yo kubanza kwivuzza.

Gukora ikizamini

Ukora ikizamini iyo ageze ahagenewe gutegerereza kugirango atangire ikizamini cyo gutwara ipikipiki, areba ku nsakazamashusho (Televiziyo) iri imbere ye, yerekana amazina y'abagiye gukora ikizamini cyo mu kibuga n'uko bakurikirana.

Ukora ikizamini iyo izina rye rigezweho, ayoborwa n'umupolisi akerekwa aho agomba gutera igikumwe, kugirango ajye aho batangirira ikizamini.


Ikizamini cy'ipikipiki kigizwe n'ibice bine aribyo:

- Kunyura mu munani,
- Guhunga inzitizi,
- Kunyura mu kayira gafunganye
- Guhagarara bitunguranye

Ukora ikizamini arangiza igice kimwe akomereza ku kindi, kugeza arangije, kandi ikizamini cyose gikorwa mu minota 3.

Ukora ikizamini iyo ageze aho batangirira ikizamini, ahabwa ipikipiki, yamara kwitegura akavuzza ihoni, kugirango ahabwe uburenganzira bwo gutangira. Iyo arengeje amasegonda 30 atarahaguruka, kandi yahawe amabwiriza yo gutangira, ikoranabuhanga rimukura mu kizamini.

1. KUNYURA MU MUNANI (8-COURSE)



Uko iki kizamini gikorwa

Ukora ikizamini asabwa gukora ibi bikurikira:


- Kunyura mu cyerekezo cyerekanwa n' ibyapa bishushanyije hasi
- Kudakozza ipine ry' ipikipiki ku mirongo yo ku mpande,
- Gukomeza gukurikira icyo cyerekezo, ariko ntakure ibirenge ahagenewe gukandagirwa ku ipikipiki, mu gihe kirenze isegonda rimwe

Uko amanota akurwaho

S/N	AMAKOSA UKORA IKIZAMINI AHANIRWA	AMANOTA AKURWAHO	UBURYO AMANOTA AKURWAHO
1	Kudakomeza mu cyerecyezo gitegetswe	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	ikoranabuhanga
2	Gukora ku murongo ubujijwe	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
3	Kudacana indangacyerekezo y'ibumoso atangira ikizamini	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga

4	Kudakuramo indangacyerekezo y'ibumoso mu masegonda 04	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
5	Kumara amasegonda 30 ataratangira ikizamini	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	ikoranabuhanga
6	Gukura ibirenge aho bigomba kuba bikandagiye ku ipikipiki mu gihe kirenze isegonda rimwe	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga

2. GUHUNGA INZITIZI (ZIGZAG)



Uko iki kizamini gikorwa


Ukora ikizamini asabwa gukora ibi bikurikira:

- Gukomeza mu cyerekezo cyerekanwa n' ibyapa bishushanyije hasi
- Kudakozza ipikipiki ku mirongo yo ku mpande,
- Kutanyura hejuru y'imirongo y'inzitizi, kandi ntakure ibirenge ahagenewe gukandagirwa ku ipikipiki, mu gihe kirenze isegonda rimwe

Uko amanota akurwaho

S/N	AMAKOSA UKORA IKIZAMINI AHANIRWA	AMANOTA AKURWAHO	UBURYO AMANOTA AKURWAHO
1	Kunyura hejuru ya buri nzitizi	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
2	Gukora ku mirongo yo ku mpande	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
3	Gukura ibirenge aho bigomba kuba bikandagiye ku ipikipiki mu gihe kirenze isegonda rimwe	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga

3. KUNYURA MU KAYIRA GAFUNGANYE (NARROW)



Uko iki kizamini gikorwa

Ukora ikizamini asabwa gukora ibi bikurikira:

- Gukomeza mu cyerekezo gitegetswe ntakore ku mirongo yo ku mpande,
- Kumara amasegonda 7 cyangwa arenga mu kayira gafungaye, kuva ipine ry'imbere ryinjiye, kugeza ipine ry'inyuma risohotsemo,
- Kudakura ibirenge ahagenewe gukandagirwa ku ipikipiki mu gihe kirenze isegonda rimwe

Uko amanota akurwaho

S/N	AMAKOSA UKORA IKIZAMINI AHANIRWA	AMANOTA AKURWAHO	UBURYO AMANOTA AKURWAHO
1	Kunyura mu kayira gafunganye munsu y'amasegonda 7	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
2	Gukoza ipine ry'ipikipiki ku murongo wo ku mpande	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
3	Gusohoka mu kayira gafunganye adacanye indangacyerezo y' ibumoso	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
4	Gusohoka mu kayira gafunganye akarenza amasegonda 4 atarakuramo indangacyerekezo y' ibumoso	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
5	Gukura ibirenge aho bigomba kuba bikandagiye ku ipikipiki mu gihe kirenze isegonda rimwe	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga

4. GUHAGARARA BITUNGURANYE (EMERGENCY STOP)



Uko iki kizamini gikorwa

Ukora ikizamini asabwa gukora ibi bikurikira:

- Kurenga ku murongo batangiriraho ikizamini ari muni y'umuvuduko wa 25km/h,
- Kongera umuvuduko akarenza 25km/h, nyuma yo kurenga umurongo batangiriraho,
- Kwinjira aho bahagarara atari muni y' umuvuduko wa 25km/h, kandi igihe ahagaze ntakure ikirenge cy' iburyo aho gikandagiye ku ipikipiki.

Uko amanota akurwaho

S/N	AMAKOSA UKORA IKIZAMINI AHANIRWA	AMANOTA AKURWAHO	UBURYO AMANOTA AKURWAHO
1	Gutangira ikizamini ari hejuru y'umuvuduko wa 25km/h	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
2	Kutagendera ku muvuduko wa 25km/h amaze kurenga aho ikizamini gitangirira kugera ahemerewe guhagarara	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	ikoranabuhanga
3	Gufata feri mbere yo kugera aho bafatira feri	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
4	Gukomeza ntahagarare ahagenewe guhagarara	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	ikoranabuhanga
5	Gukora ku murongo wo ku mpande	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
6	Gukura ibirenge aho bigomba kuba bikandagiye ku ipikipiki mu gihe kirenze isegonda rimwe	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga

5. ANDI MAKOSA AHANWA

Uko amanota akurwaho

S/N	AMAKOSA UKORA IKIZAMINI AHANIRWA	AMANOTA AKURWAHO	UBURYO AMANOTA AKURWAHO
1	Kuzima kw'ipikipiki	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
2	Gusimbuka ikizamini	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	ikoranabuhanga
3	Guteza impanuka	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	Umupolisi

**IKIZAMINI CYO GUTWARA
IMODOKA GIKORERWA MU
KIBUGA**

UKO IKIZAMINI CYO GUTWARA IMODOKA MU KIBUGA GIKORWA

Ikizamini cyo gutwara imodoka gikorwa mu kibuga, ugikora atangira afite amanota 100 agaragara ku gikoresho (tablet) kiri mu modoka imbere, gishinzwe kugaragaza ibirimo gukorwa. Ayo manota agenda agabanuka bitewe n’amakosa ukora ikizamini agenda akora. Iyo ageze muni y’ amanota 80 aba atsinzwe. Amanota yo gutsindiraho ni uguhera kuri 80 kugeza ku 100.

Kwiyandikisha gukora ikizamini

Ukora ikizamini aba yariyandikishije ku rubuga rw’Irembo asaba gukorera ikizamini muri iki kigo. Akigera aho binjirira, habanza kugenzurwa ko ari kuri gahunda yo gukora ikizamini kuri icyo taliki n’icyo saha.

Iyo basanze ari kuri gahunda yo gukora ikizamini uwo muni, ayoborwa aho agomba kwiyandikishiriza ko yageze ahakorwa ikizamini.

Ukora ikizamini icyo ageze aho biyandikishiriza, yicara ahabugenewe akahategereza areba ku nsakazamashusho (Televiziyo) ziba ziri aho imbere, zerekana amazina y’abategereje gukora ikizamini. Imbere ye kandi, haba hari ameza afite numero. Iyo izina rye rigezweho rihindura ibara ryari ryanditse hakiyongeraho numero y’ ameza (Desk) y’aho ajya kwiyandikishiriza.

Kubonana na muganga

Ukora ikizamini icyo amaze kwiyandikisha, ajya kubonana na muganga akamusuzuma cyangwa akemeza impapuro ukora ikizamini yahawe na muganga wa leta ubifitiye ububasha. Iyo muganga asanze ntacyamubuza gutwara ikinyabiziga, ayoborwa aho ajya gutegerereza ikizamini cyo gutwara imodoka mu kibuga. Iyo muganga asanze hari impamvu ituma adakora ikizamini, agirwa inama yo kubanza kwivuza.

Gukora ikizamini

Ukora ikizamini icyo ageze ahagenewe gutegerereza kugirango atangire ikizamini cyo gutwara imodoka mu kibuga, areba ku nsakazamashusho (Televiziyo) ziri imbere ye, zerekana amazina yabagiye gukora ikizamini cyo mu kibuga n’uko bakurikirana.

Ukora ikizamini icyo izina rye rigezweho, ayoborwa n’umupolisi aho ikizamini cy’imodoka gitangirira. Ahasanga abapolisi bamwereka imodoka ajyamo ijyanye n’uruhushya aje gukorera.

Iyo ageze mu modoka, yitegura gukora ikizamini. Iyo arangije kwitegura, ikoranabuhanga rimuha amabwiriza yo gutera igikumwe ahabugenewe, kugirango yemererwe gutangira ikizamini. Iyo amaze gutera igikumwe, ikoranabuhanga

rimutegeka gutangira ikizamini. Iyo arengeje amasegonda 30 atarahaguruka, ikoranabuhanga rimukura mu kizamini kuko aba atsinzwe.

Ibizamini byo gutwara imodoka bikorerwa muri iki kigo ni ibyo mu byiciro bikurikira: B, B AUTO, C, D, D1, kandi ibi ibizamini byose bikorerwa mu kibuga no mu muhanda.

Icyitonderwa: *Ibizamini byo gutwara imodoka zo mu byiciro bya E na F bizakomeza gukorwa nk'uko byari bisanzwe, kugeza andi mabwiriza asohotse.*


Ikizamini cyo gutwara imodoka gikorerwa mu kibuga kigizwe n'ibice icyenda (9) aribyo:

- Aho batangirira ikizamini,
- Guhagarara ku buhaname,
- Guhunga inzitizi,
- Aho banyura bazenguruka,
- Guparika ku ruhande,
- Guparika basubira inyuma,
- Aho bahindurira amavitesi, • Guhagarara bitunguranye,
- Aho basoreza ikizamini.

Ukora ikizamini arangiza igice kimwe akomereza ku kindi kugeza arangije, kandi ikizamini cyose gikorwa mu minota 12 n'amasegonda 34. Iyo atsinze, ikoranabuhanga rimwemerera gukomereza mu kizamini cyo gutwara imodoka mu muhanda.

1. AHO BATANGIRIRA IKIZAMINI

Kategori B, B AUTO, C, D, D1



Uko iki kizamini gikorwa

Ukora ikizamini asabwa gukora ibi bikurikira:


- Iyo ageze aho ikizamini gitangirira, yinjira mu modoka agategereza ko bamubwira gutera igikumwe ahabugenewe, kugirango atangire ikizamini.
- Iyo amaze gutera igikumwe, ategereza ijwi rimumenyesha ko agomba gutangira ikizamini.

- Gutangira yashyizemo indangacyerekezo y'ibumoso akirinda ko arenga metero 8 atarakuramo iyo ndangacyerekezo

Uko amanota akurwaho

S/N	AMAKOSA UKORA IKIZAMINI AHANIRWA	AMANOTA AKURWAHO	UBURYO AMANOTA AKURWAHO
1	Kurenga umurungo batangiriraho ikizamini atakuyemo feri y'intoki (feri yo guhagarara)	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
2	Kurenga umurungo batangiriraho atacanye indangacyerekezo y'ibumoso	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
3	Kudakuramo indangacyerekezo y'ibumoso muri metero 8	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
4	Kurenza amasegonda 30 atararenga umurungo batangiriraho	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	ikoranabuhanga
5	Kurenga umurungo batangiriraho ikizamini acanye indangacyerekezo y'iburyo	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga

2. GUHAGARARA KU BUHANAME (SLOPE COURSE)



Uko iki kizamini gikorwa

Ukora ikizamini asabwa gukora ibi bikurikira:


- Kunyura aho ibyapa bishushanyije hasi bimwerekana,
- Guhagarara ahabugenewe akoresheje feri, ku buryo imodoka iba ihagaze mu mwanya wabugenewe,
- Kuba yahagarara hejuru y'amasegonda 3 ariko ntarenze amasegonda 9 atarahaguruka
- Kwirinda ko imodoka yamusubirana inyuma ikarenga santimetero 50 mu gihe agiye guhaguruka.

Uko amanota akurwaho


S/N	AMAKOSA UKORA IKIZAMINI AHANIRWA	AMANOTA AKURWAHO	UBURYO AMANOTA AKURWAHO
1	Kudahagarara hejuru y' amasegonda 3 ku buhaname	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	ikoranabuhanga
2	Gusubira inyuma santimetero 50 mu gihe ahaguruka ku buhaname	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
3	Gusubira inyuma burundu akarenga aho ubuhaname butangirira	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	ikoranabuhanga
4	Kudashobora kongera kwatsa imodoka igihe imuzimanye akarenza amasegonda 30	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	ikoranabuhanga
5	Kurenza amasegonda 10 ahagaze ku buhaname	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
6	Kunanirwa guhaguruka mu masegonda 10 mu gihe imodoka imuzimanye	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga

3. GUHUNGA INZITIZI (ZIGZAG COURSE)


Kategori B, B AUTO



Kategori D



Kategori C, D1



Uko iki kizamini gikorwa

Ukora ikizamini asabwa gukora ibi bikurikira:


- Gukomeza imbere mu cyerekezo yeretswe n' ibyapa bishushanyije hasi
- Kwirinda gukandagira ku mirongo yo ku mpande hamwe n'imirongo irombereje itambitse
- Kunyura aho ahungira inzitizi mu gihe kitarenze umunota umwe

Uko amanota akurwaho


S/N	AMAKOSA UKORA IKIZAMINI AHANIRWA	AMANOTA AKURWAHO	UBURYO AMANOTA AKURWAHO
1	Kunyura hejuru ku murongo urombereje cyangwa ku nzitizi	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
2	Kurenza umunota umwe akirimo kunyura mu nzitizi	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga

4. AHO BANYURA BAZENGURUKA (ROUNDAABOUT)

Kategori B, B AUTO



Kategori C, D, D1



Uko iki kizamini gikorwa

Ukora ikizamini asabwa gukora ibi bikurikira:


- Kwinjira aho banyura bazenguruka, abanje kureba ko nta yindi modoka yamutanzemo,
- Mu gihe harimo indi modoka, agomba kuyireka ikabanza gutambuka mbere
- Agomba kunyura mu gice cy'iburyo,
- Ntagomba kurenza umunota umwe atarasohokamo.

Uko amanota akurwaho


S/N	AMAKOSA UKORA IKIZAMINI AHANIRWA	AMANOTA AKURWAHO	UBURYO AMANOTA AKURWAHO
1	Kwinjira mu masangano adacanye indangacyerekezo y'ibumoso	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
2	Gusohoka mu masangano adacanye indangacyerekezo y'iburyo	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
3	Kurenza umunota umwe ari mu masangano	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	ikoranabuhanga
4	Kwinjira mu masangano anyuze mu cyerekezo cy'ibumoso	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	ikoranabuhanga

5. AHO BAPARIKA KU RUHANDE (PARALLEL PARKING)


Kategori B, B AUTO




Kategorie C



Kategori D



Kategori D1



Uko iki kizamini gikorwa

Ukora ikizamini asabwa gukora ibi bikurikira:

- Kwinjiza imodoka muri parikingi isubira inyuma
- Guhagarika imodoka ku murongo wabugenewe,


- Gusohora imodoka ari uko ikoranabuhanga rimubwiye ko ikizamini cyo guparika kirangiye,
- Ikizamini gikorwa iminota 2. Iyo irenze arabihanirwa.

Uko amanota akurwaho


S/N	AMAKOSA UKORA IKIZAMINI AHANIRWA	AMANOTA AKURWAHO	UBURYO AMANOTA AKURWAHO
1	Kudahagarara ku murongo wemeza ko imodoka iparitse neza hanyuma agasohoka	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
2	Iyo imodoka ikoze ku murongo urombereje mutw' imbere, inyuma cyangwa iburyo	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
3	Kurenza iminota 2 atarasohoka muri parikingi	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
4	Kwinjiza imodoka ireba imbere muri parikingi	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	ikoranabuhanga

6. GUPARIKA USUBIRA INYUMA (T COURSE)


Kategori B, B AUTO



Kategori D



Kategori C, D1



Uko iki kizamini gikorwa

Ukora ikizamini asabwa gukora ibi bikurikira:


- Kwinjiza imodoka muri parikingi isubira inyuma,
- Guhagarika imodoka ku murongo wabugenewe,
- Gusohora imodoka ari uko ikoranabuhanga rimubwiye ko ikizamini cyo guparika kirangiye,
- Ikizamini gikorwa iminota 2. Iyo irenze arabihanirwa

Uko amanota akurwaho

S/N	AMAKOSA UKORA IKIZAMINI AHANIRWA	AMANOTA AKURWAHO	UBURYO AMANOTA AKURWAHO
1	Kudahagarara ku murongo wemeza ko imodoka iparitse neza hanyuma agasohoka	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
2	Iyo imodoka ikoze ku murongo urombereje muto w' inyuma, ibumoso cyangwa iburyo	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
3	Kurenza iminota 2 atarasohoka muri parikingi	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
4	Kwinjiza imodoka ireba imbere muri parikingi	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	ikoranabuhanga

7. GUHINDURA AMAVITESI (GEAR COURSE)

Kategori B, B AUTO, C, D, D1



Uko iki kizamini gikorwa

Ukora ikizamini cy'imodoka ya kategori B asabwa gukora ibi bikurikira:

- Kurenga umurongo batangiriraho guhindura amavitesi ari muri vitesi ya 1 kandi afite umuvuduko uri hasi ya 20km/h,
- Nyuma yo kurenga uwo murongo akongera umuvuduko akarenza 20km/h, akava muri vitesi ya 1 agashyira muri vitesi ya 2,
- Kugera ku murongo basorezaho yasubiye muni y'umuvuduko wa 20km/h, kandi yagarutse muri vitesi ya 1.

Ukora ikizamini cy'imodoka ya kategori C asabwa gukora ibi bikurikira:

- Kurenga umurongo batangiriraho guhindura amavitesi ari muri vitesi ya 7 kandi afite umuvuduko uri hasi ya 20km/h,
- Nyuma yo kurenga uwo murongo, kongera umuvuduko akarenza 20km/h, akava muri vitesi ya 7 agashyira muri vitesi ya 8,
- Kugera ku murongo basorezaho yasubiye muni y'umuvuduko wa 20km/h, kandi yagarutse muri vitesi ya 7.

Ukora ikizamini cy'imodoka ya kategori D cyangwa D1 asabwa gukora ibi bikurikira:

- Kurenga umurongo batangiriraho guhindura amavitesi ari muri vitesi ya 2, kandi afite umuvuduko uri hasi ya 20km/h,
- Nyuma yo kurenga uwo murongo, kongera umuvuduko akarenza 20km/h, akava muri vitesi ya 2 agashyira muri vitesi ya 3,
- Kugera ku murongo basorezaho yasubiye muni y'umuvuduko wa 20km/h, kandi yagarutse muri vitesi ya 2.

Ukora ikizamini cy'imodoka ya Otomatike kategori B AUTO asabwa gukora ibi bikurikira:

- Kurenga umurongo batangiriraho guhindura amavitesi ari muni y'umuvuduko wa 20km/h,
- Nyuma yo kurenga uwo murongo, kwihuta akarenza umuvuduko wa 20km/h

- Kugera ku murongo basorezaho yasubiye muni y'umuvuduko wa 20km/h

Uko amanota akurwaho

S/N	AMAKOSA UKORA IKIZAMINI AHANIRWA	AMANOTA AKURWAHO	UBURYO AMANOTA AKURWAHO
1	Kurenga ku murongo w'aho bahindurira amavitesi bitangirira, atari muri vitesi yo hasi: Iya 1 kuri kategori B, iya 2 kuri kategori D na D1, cyangwa iya 7 kuri kategori C	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
2	Kurangiza ikizamini cy'aho bahindurira amavitesi atayahinduye	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
3	Kugera aho barangiriza guhindura vitesi atari muri vitesi yo hasi: Iya 1 kuri kategori B, iya 2 kuri kategori D na D1, cyangwa iya 7 kuri kategori C	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
4	Kurenga ku murongo batangiraho guhinduriraho amavitesi atari hasi y' umuvuduko wa 20km/h	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
5	Kutabasha kurenza umuvuduko wa 20km/h mu gihe ari aho bahindurira amavitesi	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
6	Kurenga ku murongo barangirizaho guhindurira amavitesi atari hasi y' umuvuko wa 20km/h	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga

8. GUHAGARARA BITUNGURANYE (EMERGENCY BRAKING)

Uko iki kizamini gikorwa

Ukora ikizamini asabwa gukora ibi bikurikira:

- Iyo yumvise ijwi ryo guhagarara bitunguranye, agomba guhita ahagarara ako kanya atarengeje amasegonda 2,
- Agahita acanira icyarimwe amatara ndangacyerekezo (ibinyoteri) mu gihe kitarenze amasegonda 3,


- Hanyuma agahita azimya ya matara ndangacyerekezo, agahaguruka akagenda,
- Ibyo byose abikora mu gihe kitarenze amasegonda 5.

Uko amanota akurwaho

S/N	AMAKOSA UKORA IKIZAMINI AHANIRWA	AMANOTA AKURWAHO	UBURYO AMANOTA AKURWAHO
1	Kudahagarara mu gihe cy'amasegonda 2	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
2	Kudacana amatara ndangacyerekezo mu gihe cy'amasegonda 3 ukimara guhagarara	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
3	Kutazimya amatara ndangacyerekezo mu gihe cy'amasegonda 5	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
4	Gucana amatara ndangacyerekezo mbere yo guhagarara	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga

9. AHO BASOREZA IKIZAMINI (FINISH COURSE)

Kategori B, B AUTO, C, D, D1



Uko iki kizamini gikorwa

- Ukora ikizamini akomeza mu cyerekezo yeretswe n'icyapa gishushanyije hasi mu muhanda kimwerekera aho basoreza ikizamini.
- Agomba kurenga umurongo basorezaho ikizamini yacanye ikinyoteri cy'iburyo

Uko amanota akurwaho

S/N	AMAKOSA UKORA IKIZAMINI AHANIRWA	AMANOTA AKURWAHO	UBURYO AMANOTA AKURWAHO
1	Kunyura ku murongo basorezaho ikizamini atacanye indangacyerekezo y' iburyo	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
2	Kunyura ku murongo basorezaho ikizamini yacanye indangacyerekezo y' ibumoso	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga

10. ANDI MAKOSA AHANIRWA

Uko amanota akurwaho

S/N	AMAKOSA UKORA IKIZAMINI AHANIRWA	AMANOTA AKURWAHO	UBURYO AMANOTA AKURWAHO
1	Kutambara umukandara	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
2	Kurenza umuvuduko wa 20km/h	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
3	Kuzima kw' imodoka	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	ikoranabuhanga
4	Kurenza igihe cyagenwe cyo gukora ikizamini cyose	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	ikoranabuhanga
5	Gusimbuka ikizamini	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	ikoranabuhanga
6	Guteza impanuka	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	Umupolice

**IKIZAMINI CYO GUTWARA
IMODOKA GIKORERWA MU
MUHANDA**

UKO IKIZAMINI CYO GUTWARA IMODOKA MU MUHANDA GIKORWA

Ikizamini cyo gutwara imodoka mu muhanda, ugikora atangira afite amanota 100. Ayo manota agenda agabanuka, bitewe n’amakosa akora. Iyo ageze munsu y’ amanota 80 aba atsinzwe. Gutsinda bihera ku manota 80 kugeza ku 100.

Ukora ikizamini, iyo amaze gutsinda ikizamini cyo mu kibuga, ahita akurikizaho icyo mu muhanda. Ikoranabuhanga niryo rimuha umugenzura (Examiner), umuhanda ari bukorereho n’uko ikizamini kiri bukorwe.

- Ukora ikizamini iyo ageze mu modoka arongera agatera igikumwe ahabugenewe, kugirango atangire gukora ikizamini.
- Ikoranabuhanga niryo rimuha amabwiriza akurikiza mu gihe akora ikizamini. Gusa iyo bibaye ngombwa, ahabwa amabwiriza n’umupolisi (ukoresha ikizamini)

UKO AMAKOSA AHANWA MU GIHE CYO GUKORA IKIZAMINI CYO MU MUHANDA

S/N	AMAKOSA UKORA IKIZAMINI AHANIRWA	AMANOTA AKURWAHO	UBURYO AMANOTA AKURWAHO
1	Kutambara umukandara neza	Gukurwaho amanota atuma ahita atsinzwe	Ikoranabuhanga
2	Kudatunganya intebe yicayeho	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi
3	Kudatunganya indebanyuma	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi
4	Guhindura vitesi adakandagiye amburiyaje neza	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi
5	Guhaguruka adakuyemo feri y’intoki	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Ikoranabuhanga
6	Kuzima kw’imodoka bitewe no kudafata amburiyaje	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Ikoranabuhanga
7	Kudacana indangacyerekezo ahagurutse	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Ikoranabuhanga
8	Kudacana indangacyerekezo muri metero 10 mbere yo guhindura icyerekezo	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Ikoranabuhanga

9	Kudakuramo indangacyerekezo muri metero 10 mu gihe atangiye ikizamini	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Ikoranabuhanga
10	Kutagenzura uko imodoka imeze mbere yo guhaguruka (amatara ya feri, uduhanagura ikirahure, amatara ndangacyerekezo n'amatara y'urugendo)	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi
11	Kutabasha guhaguruka mu masegonda 10 mu gihe imodoka imuzimanye	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Ikoranabuhanga
12	Kunanirwa kwatsa imodoka igihe yamuzimanye mu gihe cy'amasegonda 10	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Ikoranabuhanga
13	Gucika imbaraga kwa moteri kubera vitesi idakwiye	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi
14	Kugenda buhoro bikabije mu muhanda kandi nta nkomyi	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi
15	Kutubahiriza intera hagati y'imodoka ye n'iri imbere ye	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi
16	Guhindura icyerekezo ari hejuru y'umuvuduko wa 30km/h	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Ikoranabuhanga
17	Kwinjira mu masangano y'umuhanda atari muni y'umuvuduko wa 30km/h	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi
18	Kurenza umuvuduko wagenwe ku isaha	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	Ikoranabuhanga
19	Kugumisha ikirenge kuri amburiyaje ari hejuru y'umuvuduko wa 30km/h	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Ikoranabuhanga
20	Kugumisha ikirenge kuri amburiyaje	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi
21	Gukura ikirenge vuba kuri amburiyaje	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi

22	Guhagarara bitunguranye mu gihe cy'amasegonda 3 adashyizemo ibinyoteri	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Ikoranabuhanga
23	Gufata feri igihe bitari ngombwa	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi
24	Gufata feri atabanje gushishoza	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi
25	Kutubahiriza uburyo bwo gutanga inzira ku binyabiziga bimuturutse imbere	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi
26	Kunanirwa kuguma kugendera mu gisate cye	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi
27	Kudashishoza mu gihe agiye guhindura icyerekezo	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi
28	Kudacana indangacyerekezo mu gihe ahinduye icyerekezo	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Ikoranabuhanga
29	Gukoresha indangacyerekezo mbere, nyuma, cyangwa kuba itariyo	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi
30	Gucana indangacyerekezo itariyo	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Ikoranabuhanga
31	Kunanirwa gusubizamo indangacyerekezo mu gihe ivuyemo mu masegonda 3 kugeza arangije guhindura icyerekezo	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Ikoranabuhanga
32	Kutazimya indangacyerekezo mu gihe amaze guhindura icyerekezo	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Ikoranabuhanga
33	Kutubahiriza ibimenyetso bishinze n'ibishushanyije mu muhanda hamwe n'amabwiriza y'umupolisi	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	Umupolisi
34	Guhagarara hejuru y'umurongo urombereje mu masangano y'umuhanda	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi

35	Gusiga umwanya udahagije hagati y'imodoka atwaye n'imuri imbere	Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini	Umupolisi
36	Kwanga kumvira amabwiriza y'ukoresha ikizamini	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	Umupolisi
37	Kwanga gukora ikizamini	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	Umupolisi
38	Guteza impanuka	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	Umupolisi
39	Ubufasha butanzwe n'ukoresha ikizamini	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	Umupolisi
40	Kutanyura mu cyerekezo yahawe akarenga metero 150 atarakigarukamo	Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa	Umupolisi

ICYITONDERWA:

- Igihe cyose, ukora ikizamini amabwiriza ayahabwa n'ikoranabuhanga riri mu modoka cyangwa umupolisi ukoresha ikizamini, mu gihe bibaye ngombwa ko ariwe uyatanga
- **Gukurwaho amanota agakomeza ikizamini:** bivuze ko mu gihe ukora ikizamini akuweho amanota ariko ayo asigaranye akaba atari muni y'amanota batsindiraho aba yemerewe gukomeza gukora ikizamini.
- **Gukurwaho amanota atuma ahita atsindwa:** Ni igihe ukora ikizamini akuweho amanota atuma ayo asigaranye aba muni y'amanota batsindiraho.



www.police.gov.rw

